Repubulika y'u Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# RAPORO Y'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU NGANDA ZO MU RWANDA

IBICIRO BY'INGANDA MU RWANDA

MATA 2025

## INCAMAKE

Raporo ngarukakwezi y'ihindagurika ry'ibiciro mu nganda zo mu Rwanda

Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka riteye ku buryo bukurikira:

- Muri rusange, ibiciro byo mu nganda byazamutseho 2,4%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 1,7%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byazamutseho 4,2%

Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi riteye ku buryo bukurikira:

- Muri rusange, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 1,9%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa mu Rwanda byazamutseho 2%
- Ibiciro byo mu nganda zikora ibicuruzwa byoherezwa mu mahanga byagabanutseho 8,9%

**Imbonerahamwe: Ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda**

| | 2024 | | | | | | | | | 2025 | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Mata | Gicurasi | Kamena | Nyakanga | Kanama | Nzeri | Ukwakira | Ugushyingo | Ukuboza | Mutarama | Gashyantare | Werurwe | Mata |
| **Ihindagurika mu mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | 10,0 | 6,9 | -1,9 | -5,4 | -5,1 | -9,3 | -5,6 | -0,1 | 0,2 | 0,6 | 4,3 | 4,2 | 2,4 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 7,0 | 4,7 | -2,5 | -7,1 | -8,5 | -14,3 | -10,9 | -3,9 | -2,5 | -1,7 | 1,8 | 0,9 | 1,7 |
| Ibyoherezwa hanze | 18,9 | 12,6 | -0,6 | -1,3 | 3,3 | 2,8 | 7,5 | 8,2 | 5,9 | 5,5 | 9,7 | 10,8 | 4,2 |
| **Ihindagurika ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Muri rusange | -0,2 | -1,2 | -4,4 | 0,8 | 1,4 | 0,3 | 5,4 | 3,4 | -0,5 | 0,8 | -0,9 | -0,6 | -1,9 |
| Ibicururizwa mu Rwanda | 1,1 | -1,9 | -3,6 | 0,9 | -0,7 | -1,4 | 5,4 | 3,3 | 0,5 | 1,0 | -1,2 | -2,2 | 2,0 |
| Ibyoherezwa hanze | -3,1 | 0,3 | -6,3 | 0,5 | 6,4 | 3,6 | 5,6 | 3,7 | -2,2 | 0,5 | -0,3 | 2,4 | -8,9 |

## INTANGIRIRO

Raporo y'ihindagurika ry'ibiciro byo mu nganda mu Rwanda yerekana igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro hagendewe ku giciro fatizo gihabwa nyiri igicuruzwa cyangwa utanga service nta yandi mafaranga yiyongereyeho (imisoro, ay'ubwikorezi...). Iyi raporo mu Rwanda itangazwa buri kwezi.

Ikusanyamakuru kuri iyi raporo ryakorewe mu nganda n'ibigo by'ubucuruzi 114 no ku bicuruzwa 402 biri hirya no hino mu gihugu (Kigali no mu ntara). Ni raporo ikorwa ku bufatanye na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR). Yibanda ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ibikorerwa mu nganda zitunganya ibintu binyuranye, ndetse n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro aribyo amashanyarazi, amazi, isuku n'isukura, ndetse n'itumanaho n'isakazabumenyi.

## 1. IBICIRO BYO MU NGANDA MU RWANDA

Muri Mata 2025, ibiciro rusange byo mu nganda byazamutseho 2,4% ugereranyije na Mata 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 2,9% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye n'ibiciro byo mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro byazamutseho 1,1%.

Ugereranyije Mata 2025 na Werurwe 2025, ibiciro byo mu nganda byagabanutseho 1,9%. Ibi byatewe n'igabanuka rya 2,3% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 2. IBICIRO BYO MU NGANDA ZIKORA IBICURUZWA IMBERE MU GIHUGU

Muri Mata 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 1,7% ugereranyije na Mata 2024. Ibi byatewe n'izamuka rya 2,2% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

Ugereranyije Mata 2025 na Werurwe 2025, ibiciro byo mu nganda zikora ibicururizwa imbere mu gihugu byazamutseho 2%. Ibi byatewe n'izamuka rya 2,5% ry'ibiciro byo mu nganda zikora ibintu bitandukanye.

## 3. IBICIRO BYO MU NGANDA KU BICURUZWA BYOHEREZWA HANZE

Muri Mata 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze y'igihugu byazamutseho 4,2% ugereranyije na Mata 2024. Ibi byatewe ahanini n'izamuka rya 5,3% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi n'izamuka rya 3,8% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

Ugereranyije Mata 2025 na Werurwe 2025, ibiciro byo mu nganda ku bicuruzwa byoherezwa hanze byagabanutseho 8,9%. Ibi byatewe ahanini n'igabanuka rya 9,4% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya icyayi n'igabanuka rya 10,2% ry'ibiciro byo mu nganda zitunganya ikawa.

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321
E-mail: info@statistics.gov.rw